Urubuga rw' Imikino

Ibyamamare mu mupira w'amaguru byishimiye u Rwanda

Ibikurikira urup.1

wemewe wuzure kuko mu ikipe yabo y'ababigize umwuga hari haje abakinnyi barindwi gusa. Ibyo bitego byatsinzwe na Gatete Jimmy ku munota wa 19 ,Ngabo Albert atsinda icya kabiri ku munota wa 46, Abdul Uwimana atsinda igitego cya gatatu ku munota wa 73, icya 4 cy'agashinguracumu gitsindwa na Ndayishimiye Yussuf Kabishi.

Abakinnyi babigize umwuga baje mu Rwanda harimo Samuel Eto'o Fils ukinira ikipe ya FC Barcelone, ifite igikombe cy'amakipe yabaye aya mbere iwayo ku mugabane w'uburayi(Champions européen de Football), umunyakotedivoire Yaya Touré nawe ukinira FC Barcelone, Didier Drogba ukinira Chelsea,ukomoka mu gihugu cya Cote d'Ivoire, Kolo Touré wa Arsenal akaba akomoka mu gihugu cya Côte d'Ivoire umunyakameruni Rigobert Song ubarizwa mu gihugu cya Turquie, Jeremi Ndiitap umunyakameruni ukina muri New Castle ndetse na Alexandre Song ukinira ikipe ya Arsenal umwishywa wa Rigobert Song.

Ibyamamare Eto'o (ibumoso) na Drogba (iburyo) bishimiye u Rwanda (Foto Kayisengerwa L.)

Nyuma y'uyu mukino abakinnyi bakiriwe muri Hotel Serena ahabereye igitaramo cyanogeye abari batumiwe. Perezida wa Repubulika Paul Kagame, mu butumwa bwe yagejeje ku batumirwa, yabanje gushimira abateguye igitaramo ndetse n'uruzinduko rw'abakinnyi babigize umwuga bakomoka muri Afurika. Yashimiye abo bakinnyi ubwitange burenze bagaragaje bwo kuza mu Rwanda. Yagize ati *''ubu mwagombaga kuba mwibereye mu biruhuko ariko mwifuje kuba muri kumwe natwe mu Rwanda ni ibintu bishimishije"*. Perezida Kagame yongeyeho ati:" *Tubafata nk'abavandimwe bacu b'abanyafurika bakomoka mu bihugu bya Kameruni na Cote d'Ivoire"*. Yabasabye kumva ko mu Rwanda ari iwabo, abashishikariza kuzagaruka ikindi gihe.

Twababwira ko abari aho bafashe umunota wo kwibuka abazize jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda mu 1994.

Samuel Eto'o mu kiganiro yahaye abanyamakuru yavuze ko yishimiye kugaruka mu Rwanda ku nshuro ya kabiri avuga ati:" *iyo ndi mu Rwanda numva ngeze iwacu"*. Akomeza na none ati "*Turi abana b'Afurika"*. Umunyakotedivoire Didier Drogba we mu kiganiro cye yavuze ko yaje gufata mu mugongo abanyarwanda mu rwego rwo gufasha kubakira abana b'imfubyi za jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda mu 1994.